

# Ihame ry'ubuyobozi mu Kumva/Gutega amatwi



**“Kugira ngo umunyabwenge atege amatwi yunguke ubwenge, kandi umuhanga agere ku migambi itunganye.” Imigani 1:5**

Byandistwe na rwiyezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Kumva... bivuga kugira umwete wo kumva cyangwa gutega amatwi, gutanga ubuhungiro cyangwa gufata inama. Hari umugani ugira uti umugabo w'umunyabwenge arumva. Ibi ni ukuvuga ngo niba duciye akenge, tuziga gutega amatwi. Impamvu abantu bazi ubwenge bumva ni uko bazi ko bunguka ubwenge iyo bumviye. Abantu bazi kumvira usanga bashishikajwe no kwiya ibindi batazi. Ubwenge ntabwo ari impano y'umurage; ahubwo iboneka ari uko wayitabiriye utega amatwi no kwiya ukoresheje amaso maze ukabibona ubonywe. Umuntu uzi kumva ubu-sanzwe agira izi mpano enye:

1. Bagira umwihariko w'uburyo batega amatwi hamwe ni uko bavugaga.
2. Bahora bashakisha ukuri. Bifuzaga kumenya igikwiye, ntabwo bareba uri mu kuri.
3. Bakunda guceceka—hatari radiyo, televiziyo, nta cyabarogoya gihari. Bakunda gufata umwanya maze bakisuzuma. Muri make bafite umwihariko mu mitekereze yabo.
4. Barangwa n'ibibazo. Ntabwo bifuzaga ko wabumva nabi cyane ngo wumve ibyo atavuze.

Yesu yari abizi neza ko abantu bamwumva nabi. Niyo mpamvu yavuze, “ufite amatwi, niyumve.” Yashakaga kuvuga ngo, “witega amatwi amagambo yanjye, ahubwo yatekerezeho kandi uyumve igitekerezo kirimo maze wumve icyo nashatse kubabwira.” Abarimu beza bese bahora bashakira kuvuga amagambo runaka, ariko bakagira bakoresha ubundi buryo bayavugamo. Rero natwe twumva amagambo ariko ntabwo twumva ubu-

tumva. Iyi niyo mpamvu abazi kumva neza bahita babaza ikibazo. Iyo tutari abantu bazi kumva neza, ntabwo bitworohereza kubyumva. Rimwe na rimwe twibaza ko abantu baturu hafi bumva ibyo tuvugaga, naho ugasanga bumvishye ibinyuranye nibyo twababwiyeye.

Gutega amatwi rero ntabwo bihagije—tugomba no kumva. Kumva ntabwo bikunda keretse iyo wumvise icyo uwo muganira akubwira. Televiziyo ikora ku ruhande rumwe gusa kuko ibwira uyireba. Ariko telefoni ni uburyo bwiza bw'itumanaho, kuko turumva maze tugashyiraho. Imashini za fax, nazo ku rundi ruhande zifite uburyo bwize bw'itumanaho: imashini yakira ubutumwa yakira imbumbwe ubutumwa bwoherejwe. Ariko abantu si uko bimeze. Kuko tugera tukanaca iteka amagambo y'abandi dukurikije uko tubibona hamwe n'ibiyumviro (uko twimereye). Twumva amagambo, maze tukihimbira ibitekerezo byacu dukurikije ibyo twumvise, maze tukabishyiramo amarangamutima yacu. Ibyo twumva byose usanga bica mu nzira yibyababajye n'ibya dutengushyeye, ni uko maze byose tуга-fata ibyemezo dukurikije iyo nzira. Ibi nibyo twise "kumvirana". Umuntu ufata ibyo yumvise maze akabihindura ko

ari we byavugaga, kandi ntaho rwose bihuriye.

Niba twifuzaga kuzahirwa n'ubucuruzi bwiza n'umubano hagati yacu, tugomba gufata iya mbere maze tukumva aho abantu bahagaze n'icyo bakeneye. Kumenya icyo abandi bakeneye niyo ntabwo ya mbere mu gufasha abandi. Tuzamenya ibyo bakeneye mu gihe tubumvise. Abantu bafite ubwenge bunguka ubwenge kubera kumva, kandi bazakomeza kumva kuko babifata nk'ibya gaciro.

Uburyo bwiza bwo kumenya ko twumvise umuntu ni uko tumubaza ngo, “ese ibi nibyo wifuzaga kumbwira?” cyangwa “ibi nibyo ushaka kumbwira?” Ntuzajye wihutira kubaza ubusobanuro. Aho uba uciye muri make, ibi bizarinda ururimi rwawe kuvugaga ibitari ngombwa.

*Iri ihame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

## Ibibazo byo kwibazaho:

Umugabo nyawe azahora yiyongera mu kwiga no kumva kuko azi ko ubuzima bwe ari ho bushingiyeye.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw'ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed